## AMAKURU KURI SERVICE Z'IMASHINI ZIHINGA ZITANGWA NA TFI&M/ MINAGRI

Ubuhinzi ni umwuga utunze benshi mu Rwanda haba abawukora k'uburyo bwaguye aribo bahinzi nyirizina ndetse n'abakoresha umusaruro uvamo bawukura kumasoko igihugu kihaza mu biribwa ariryo terambere rirambye. Iyo havuzwe umusaruro utangwa n'ubuhinzi, humvikana umusaruro mubwinshi no mubwiza ndetse hakumvikana n'ibyakoreshenjwe ngo haboneke uwo musaruro.

Hagendewe ku mirimo nkenerwa mu buhinzi, imyinshi ikorwa hifashishijwe ingufu za muntu bigira ingaruka kumusaruro uboneka ari muke bitewe n'uko izo ngufu zigira aho zigarukira, bityo hagahingwa ubuso buke ndetse hanahingwa bunini ugasanga ikiguzi k'izingufu kitagaruzwa n'agaciro k'umusaruro. Ingaruka y'ibi byose n'uko abahinzi bahinga bike bibatunga nti basagurire amasoko.

Ni muri urwo rwego Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, mu ugukemura izo mbogamizi, yashyizeho ikigo gishinzwe ikoranabuhanga mu kuhira imyaka ndetse n'ikoreshwa ry'imashini mu mirimo y'ubuhinzi "Task force on Irrigation and Mechanization", gifite inshingano zo guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu z'amamashini(karagita cg torotoro) mu mirimo itandukanye y'ubuhinzi kugirango hongererwe umusaruro w'ubuhinzi hasagurirwa amasoko.

Iki kigo gitanga serivise zijyanye no kugurisha imashini n'ibikoresho byazo (amasuka atandukanye), gukodesha imashini zihinga k'ubahinzi badafite ubushobozi bwo kuzigurira, ndetse n'ubukangurambaga n'amahugurwa kubiyanye no gukoresha imashini. Mu rwego rwo kwegerezwa izi serivise abahinzi, hashyizweho ibigo muturere dutandukanye mu gihugu (VMSCs) aho abahinzi babona izo servise bitabagoye.

**Mugihembwe cy'ihinga abakenera gukodesha izo mashini bazisaba aha hakurikira:**

| S/N | Mu Karere ka | Aho wayisanga | Uwo wabaza | Itumanaho |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Umujyi wa Kigali na Kamonyi | Kabuye/ Jabana | TUYISABE Jean damascene | 0788674788 |
| 2 | Bugesera | Nyamata na Ruhuha | NTIYAMIRA Jean sauveur | 0788843384 |
| 3 | Ngoma | Umurenge wa Sake | NTIRENGANYA Zacharie | 0783222268 |
| 4 | Kirehe | Nasho(Mpanga) | MUKESHIMANA Venuste | 0788989200 |
| 5 | Nyagatare (Matimba) | MATIMBA (GFI) | NSANZUMUKIZA Athanase | 0788889025 |
| 6 | Nyagatare (Muvumba) | Nyagatare(Sitasiyo ya RAB ) | TWIZERIMANA Gervais | 0788701870 |
| 7 | Gatsibo | Umurenge wa Kabarore | HABINEZA Eliezer | 0788517405 |
| 8 | Rwamagana & Kayonza | Umurenge wa Gishali | MUGWANEZA Gilbert | 0783476638 |
| 9 | Ruhango | Umurenge wa Ruhango | NSHIMAYESU Viateur | 0788884578 |
| 10 | Rulindo, Gicumbi na Gakenke | Bushoki/Nyirangarama | SANGWA Olivier | 0783184242 |
| 11 | Nyanza, Huye & Gisagara | Gasoro Kuri PAPSTA | ISHYO Christian | 0788622598 |

**Ubwoko bw’imashini zihari:**

- TF I&M yaguze taragiteri z’ubwoko butandukanye zitandukanye kungufu za moteri kuva kuri 35 kugeza 100 HP,
- Imashini zihinga z’amapine abiri (power tiller) zifite ingufu ya moteri ingana na 12 na 15HP.
- Imashini zisarura,
- imashini zitera umuceli zitwarwa umuntu aziri inyuma.
- Amasuka akora imirimo itandukanye yo mu buhinzi harimo amasuka arima ayibizeru (disc) nay’amenyo (MB), amasuka acoca, amasuka atera, amasuka asarura ibirayi, amapompu avoma amazi n’ayatera umuti mu myaka na rumoroki.

Amafoto:



**Imashini zitangwa na MINAGRI zifashishwa mu guhinga**



**Imashini z'amapine abiri (Power tiller) nazo zikora imirimo yo guhinga**



**Imashini nini ziri mugikowa cyo guhinga**



**Imashini y'amapine abiri yambaye isuka irima**

Kuri serivise yo gukodesha, umuhinzi ahabwa imashini (tororo cg karagita) n'amasuka yazo akishyiriramo amavuta(mazutu) ikoresha, akishyura amafaranga ibihumbi mirongo itanu kuri hegitari 50.000 Frw/ha ku umurima usanzwe uhingwa akarimirwa aka nasazirizwa, (kurima gusa ni 40.000 Frw, gusanza gusa ni 25.000 Frw, naho gutera ni 20.000 Frw), hakishyurwa n'ibihumbi ijana kuri hegitari 100.000 Frw/ha ku umurima w'umushike akarimirwa akanasanzirizwa (kurima gusa ni 70 Frw, gusanza gusa ni 25.000 Frw, naho gutera ni 20.000 Frw)

**Ibyiza byo guhingisha imashini:**

- Guhingira igihe;
- Iyo hahingishijwe imashini haboneka ubuhinge bwiza bituma imizi y' igihingwa ishora neza ikakira amafumbire n'amazi umusaruro ukaba mwiza ndetse na mwinshi";
- Kugabanya imvune zigaragara mu mirimo y'ubuhinzi arizo ngaruka zo guhinga ubuso buto;
- Kongera ubuso buhingwaho umusaruro ukiyongera hasagurirwa amasoko;
- Igishoro gito ugereranyije no gukoresha abahinzi;
- Nkuko umubare munini w'abahinzi wiganje kubari n'abategaruhori, iyo hahingishijwe imashini babona ukobita kumiryango yabo ndetse no gukora utundi turimo tubabyarira inyungu, umuryango ugatera imbere ndetse n'igihugu muri rusange.

Kwitabira ikoranabuhanga mubuhinzi hakoreshejwe imashini zifashishwa mumirimo itandukanye y'ubuhinzi ni imwe munyongeramusaruro y'ibanze.